

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAMU  
JEANNETTE KAGAME MU  
BUKANGURAMBAGA BWO GUTEZA  
IMBERE UBURERE N'UBUREZI  
BW'UMWANA W'UMUKOBWA.**

**NYAMAGABE, 27 WERURWE 2018**

**Ba Nyakubahwa ba Minisitiri,  
Nyakubahwa Guverineri w'Intara  
y'Amajyepfo,  
Mayor w'Akarere ka Nyamagabe,  
Bayobozi b'Ingabo na Polisi,  
Bayobozi Bakuru mu nzego zitandukanye  
z'igihugu cyacu,  
Esteemed Partners,  
Ba Nyacyubahiro mwese muri hano,  
Babyeyi, Bakobwa Bacu,**

**Mwaramutse neza!**

Nejejwe no kubana namwe uyu munsi, muri  
ibi birori byo gucyenza Abakobwa bacu  
batsinze neza ibizamini bya Leta twise  
“Inkubito z'Icyenza”.

**“Inkubito z’Icyezza”** dushimira uyu munsi, ni abakobwa 82 batsinze neza ibizamini bya Leta bisoza amashuri abanza, icyiciro rusange, amashuri yisumbuye n’amashuri y’ubumenyi-ngiro. Aba bakobwa baje basanga undi muryango mugari w’abarenga 4,600 bahembwe mu myaka 13 ishize.

Mumfashe tubashimire.

Abensi mumaze kubimenyera, buri mwaka Umuryango Imbuto Foundation n’abafatanyabikorwa bawo, dutegura ubukangurambaga bwo guteza imbere uburere n’uburezi bw’umwana w’umukobwa, nka kimwe mu bikorwa byo kwizihiza ukwezi kwahariwe iterambere ry’Umunyarwandakazi.

Tariki ya 8 Werurwe uyu mwaka, ubwo twatangiraga ukwezi k'umugore, twagize amahirwe yo guhabwa ubutumwa butwereka ko basaza bacu, ababyeyi ndetse n'abo twashakanye, turi kumwe mu rugendo rwo kubaka iki gihugu cyacu. Kuko wa mugani, “**Nta wungukira mu guheza igice kimwe cy'abantu**”.

Bana bacu, ibi mbibasubiri yemo rero kugira ngo mwumve amahirwe angana igihugu cyacu cyaduhaye nka ba “**Mutima w'Urugo**”.

Icyerekezo kigari kigamije impinduka mu iterambere “**National Strategy for Transformation**” cyatanze umurongo ugaragaza ko ubukungu bw'u Rwanda bugomba gushingira ku bumenyi

**“Knowledge-Based Economy”.** Niyo mpamvu tugomba guharanira ko abana bacu bagira ubumenyi ndashyikirwa **“Excellence”**, bakabuhuza n’imirimo iri ku isoko, no gusubiza ibibazo biri mu gihugu cyacu ndetse n’umugabane turimo.

### **Batumirwa Bacu,**

Nk’uko byigeze kuvugwa n’abambanjirije ndetse tunabisubiramo buri mwaka, intego y’ubu bukangurambaga ni ugushishikariza abana b’abakobwa kugana ishuri (**school enrolment**), bakiga, bagasoza ibyiciro byose nkuko byagenwe n’inzego zibishinzwe (**school retention**) ndetse bakanatsinda neza (**excellence**).

Ubwo twahembaga abatsinze neza mu myaka itanu ishize, mu mirenge 416 igize igihugu, imirenge 211 ntiyabashije kubona umukobwa watsinze neza uri mu cyiciro cya mbere (***Division 1***). Uyu mwaka iyi mirenge yaragabanutse igeria kuri 82. Urugendo rero ruracyari rurerure. Twese twihe umukoro ko umwaka utaha, tuzaba dufite nibura umukobwa watsinze neza mu cyiciro cya mbere (***Division 1***), muri buri murenge.

Turishimira kandi ko abakobwa babashije gutinyuka amashami batakundaga kwitabira, kandi akenewe ku isoko ry'umurimo. Uyu mwaka abakobwa 15 muri 25 duhemba, barangije amashuri yisumbuye mu bijyanye n'ubumenyi-nngiro.

N'ubwo twishimira ko hari amasomo batinyutse ariko, twibuke ko hakiri ubusumbane muri siyansi. Ibi byagarutsweho mu nama y'ihuriro ry'abahanga n'abashakashatsi muri siyansi ryatangijwe ejo i Kigali. Minisiteri y'uburezi igaragaza ko kuva mu 2011 kugeza 2015 abakobwa biga ibijyanye na siyansi bavuye kuri 48 % bakagera kuri 55%. Murabona rero ko ntaho turagera!

Muri cya cyerekezo nahoze mvuga, igihugu cyacu cyashyizeho "**Gahunda y'Imbonezamikurire y'abana bato – Early Childhood Development**".

Iyi gahunda, nkaba nagira ngo nongere mbasabe kuyitabira, kugira ngo duhe abana bacu, amahirwe angana yo gukura mu bwenge, mu gihagararo no mu

mitekerereze. Bityo u Rwanda ruzagire abahanga b'indashyikirwa muri za siyansi n'ibindi, kandi birashoboka.

Bana bacu,

Nagira ngo ariko mbibutse ko kuba "**Inkubito y'icyeza**", atari ukugira ubumenyi gusa, ahubwo bijyana no kugira uburyo n'imitekerereze izana impinduka n'ibisubizo ababyeyi, igihugu cyanyu n'umugabane turimo, tubatezeho.

**Babyeyi,**

Nkuko twabyumvise mu buhamya n'ibiganiro bitandukanye, ibimaze kugerwaho ni byinshi, ariko ntibikwiye gutuma twirara.

Uyu ni umwanya mwiza wo kwikebuka,  
tukareba n'izindi mpamvu zaba  
ziduturukaho nk'ababyeyi, zituma abana  
b'abakobwa batiga neza, badashyigikirwa  
mu mpano bafite ngo babashe kuzibyaza  
umusaruro – bikaba byanabigiraho  
ingaruka mu gihe bakuze bari mu mirimo  
cyangwa se mu ngo zabo.

Abakurikiye ibiganiro by'umwiherero  
w'abayobozi b'ighugu mwumvise ko  
Umuyobozi Mukuru w'Ighugu cyacu  
yabigarutseho.

Ntibikwiye ko tureberera ibibazo byugarije  
imiryango yacu, ngo dutangire kubishakira

umuti kubera ko hari uwatugaye cyangwa  
se watwibukije.

Mu mbaraga zacu – kandi ni nyinshi, buri  
wese ahere mu muryango we, duharanire  
ko iki kibazo cy'abana bagaragaza imikurire  
mibi n'isuku nke, kiva ku rutonde  
rw'ibihangayikishije igihugu cyacu.

### **Bakobwa Bacu,**

Uyu munsi turabashimira ko mwabaye  
indashyikirwa mu masomo yanyu. Natwe  
nk'ababyeyi n'abarezi banyu  
biradushimishije kandi biraduha icyizere ko  
twabareze neza.

Kuba indashyikirwa rero si iby'umunsi  
umwe gusa, ishema mwaserukanye uyu

munsi muzarihorane mu byo mukora byose  
haba mu mashuri yandi muziga cyangwa  
no mu buzima busanzwe. Buri wese muri  
mwe akomeze yitoze kuba umurinzi wa  
mugenzi we.

**Muuje** musanga undi muryango wa bakuru  
banyu bahembwe mu myaka yashize,  
mukomeze muhuze imbaraga, **mugiirane**  
inama, mufashanye mu kongera ubumenyi  
no mu bifatika aho biri ngombwa.

Abize ubugenge (Physics), ***muzi ko ibuye rityaza irindi!*** Amahirwe yose mubonye yo  
kwiga cyangwa kwihiugura, muyakoreshe  
neza kandi ntimukabyihererane, mujye  
mubisangiza abandi b'urungano rwanyu,  
ndetse na barumuna banyu.

Ahasigaye, nk'uko izina ryanyu ribivuga  
mukomeze kuba ***"Inkubito z'Icyenza***  
***n'Ishema ry'Abakobwa".***

Uyu munsi kandi twagize amahirwe yo  
kuba turi kumwe n'abashyitsi  
baduherekeza mu rugendo rwo guteza  
imbere uburere n'uburezi bw'umwana  
w'umukobwa, munyemerere mbashimire.

### **Dear Partners,**

Your presence here today, fills us with joy,  
as we celebrate the success of this year's  
best performing girls from across the  
country.

Your support towards the realization of our mission, to “contribute to the development of a healthy, educated and prosperous society” is indeed creating a lasting impact, in the lives of thousands of families around our nation.

Your dedication to promoting girls’ education is affirmed by the significant records of girls and women in general, who dare to rise, to embrace the numerous opportunities made available by the Government and to see the dreams come true.

Today, we also wish to acknowledge the teachers, whose encouragement and passion create the kind of nurturing environment, that allow us to hear young

and bold women like **Elisabeth Dushimirimana (today's role model)**, confidently share their testimony with us.

To our partners: the Ministry of Gender and Family Promotion, the Segal Family Foundation, Rwanda Development Board, Rwanda Education Board, the Workforce Development Authority (WDA), Tumba College of Technology and the ONE UN Family, We thank you for your support and investment in girls' education.

Mu gusoza, nagira ngo nibutse abana bacu muri rusange ko arimwe muzatugeza ku Rwanda Twifuza!

Nk'ababyeyi banyu, tuzaheshwa ishema no kugira abana batekanye, bafite ubwenge,

n'icyerekezo gituma ubukungu bw'u  
Rwanda, bugira agaciro ku isi yose.

Murakoze, Mugire Amahoro.